NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

# IBIBAZO BYIBAZWA CYANE N'ABANYESHURI NDETSE N'ABABYEYI KU BIJYANYE N'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA

1. **Umunyeshuri wagize ikibazo ku manota yasohotse cyangwa utabasha kureba amanota ye abariza hehe?**

   *Umunyeshuri wagize ikibazo ku manota yasohotse cyangwa utabasha kureba amanita ye asabwa kujya ku karere kamwegereye akareba umukozi wa NESA uzaba ahari guhera ku itariki ya 04 kugeza tariki ya 11 Ukwakira 2021 akamufasha. Ashobora no kujya ku ishuri rye bakamufasha kugeza ikibazo cye kuri NESA. Uwo munyeshuri asabwa gutanga na telephone ashobora guhabwaho igisubizo igihe kidahise gikemukira aho.*

2. **Ni iyihe nzira wanyuramo ureba amanota yawe n'ishuri wahawe?**

   *Amanota arebwa binyuze mu nzira ebyiri arizo: gukoresha internet unyuze kuri link ya http://results.nesa.gov.rw ugakurikiza amabwiriza, cyangwa gukoresha telephone wohereza SMS:*

   *Urugero 1) Ku mwana urangije amashuri abanza yandika SMS imeze itya:*

   *P6211008PR0892021 akohereza kuri 4891*

   *2) Ku mwana urangije O-Level yandika SMS imeze itya:*

   *S3210103OLC0872021 akohereza kuri 4891*

   *Icyitonderwa: buri munyeshuri wese agomba kuba azi neza nimero y'ikizamini ye kugirango ashobore kureba amanota ye.*

3. **Ese birashoboka ko umubyeyi cyangwa umunyeshuri yagera ku kicyaro cya NESA agatanga ikibazo cye kijyanye n'amanota cyangwa ishuri yahawe?**

   *Oya, nta munyeshuri cyangwa umubyeyi wemerewe kuzana ikibazo cye kijyanye n'amanota y'umunyeshuri cyangwa ishuri yahawe ku kicyaro cya NESA. Abakozi ba NESA bazaba bari mu turere bazakira ibyo bibazo kandi babafashe kubona ibisubizo.*

4. **Kuki umunyeshuri ashobora gusaba ikigo cyangwa ishami ntarihabwe?**

   *Abanyeshuri boherezwa kwiga mu bigo cyangwa mu mashami hagendewe ku mitsindire yabo ndetse n'imyanya iri mu bigo basabye. Iyo umunyeshuri*

*adashoboye guhabwa ibyo yasabye kubera ko abandi bahasabye bamurushije, ashakirwa ahandi.*

5. **Guhindurirwa ikigo cyangwa ishami woherejwemo biremewe? Ni izihe mpamvu zatuma umunyeshuri ahindurirwa ishuri yari yahawe?**
*Biremewe rwose iyo hatanzwe impamvu zumvikana. Urugero: uburwayi, ubumuga cyangwa habayeho kwibeshya agahabwa ishuri ryigamo abakobwa gusa kandi ari umuhungu. Umwana ufite kimwe muri ibyo bibazo yasaba anyuze ku rubuga rwa NESA arirwo www.nesa.gov.rw ahanditse online services (claim on placement) maze bakuzuza ibisabwa byose ndetse bakanashyiraho icyemezo kigaragaza impamvu basaba. Ibyo bizakorwa hagati y'amatariki ya 04/10/2021 na 08/10/2021. Ibisubizo bazabihabwa kuva tariki ya 18/10/2021 kugera tariki ya 25/10/2021 kandi ibyo bisubizo bizajya birebwa nk'uko amanota arebwa.*

6. **Abanyeshuri bafite imyirondoro irimo amakosa bazayikosoza gute?**
*Amanota akimara gusohoka, abanyeshuri banditswe muri SDMS hakaba harabaye amakosa mu myirondoro yabo bazihutira kubimenyesha ubuyobozi bw'ibigo bigagaho kugirango nabo babishyikirize NESA bikosorwe.*

7. **Abanyeshuri bashyirwa mu mashuri biga bataha iwabo (day schools) hagendewe kuki?**
*Kubera ko imyanya mu bigo by'amashuri abanyeshuri bigamo bacumbikirwa ari mikeya kandi abatsinze ibizamini bakaba ari benshi, abanyeshuri boherezwa kwiga mu mashuri biga bataha iwabo hagendewe ku mashuri basabye kwigamo bataha abegere.*

8. **Iyo abanyeshuri barebye amanota yabo bakabona ubutumwa bubabwira ko bahanwe bazakora iki?**
*Ubundi umukandida ahanwa kubera kunyuranya n'amabwiriza agenda ibizamini bya Leta. Iyo abo banyeshuri bashidikanya ku cyatumye bahanwa, bemerewe kwegera ubuyobozi bwa NESA bagahabwa ibisobonuro byimbitse.*

9. **Abana bari barahawe ibigo mu mwaka wa mbere n'uwa kane w'amashuri yisumbuye mu myaka yashize ntibababashe kujya kwiga ubu bashobora guhabwa ibigo bajya kwigaho? Bisabwa gute?**
*Yego birashoboka. Abo banyeshuri bandikira ubuyobozi bwa NESA bakomekaho urupapuro rugaragaza amanota bagize ndetse bakanagaragaza amashuri bashaka kujya kwigaho. Ubwo busabwe bwoherezwa kuri email ya NESA info@nesa.gov.rw cyangwa bugashyikirizwa umukozi wa NESA uzaba uri ku karere kuva tariki ya 4/10/2021 kugera tariki ya 11/10/2021.*

*Abacikirije amashuri mu yindi myaka (S2, S3, S5, S6) bandikira ubuyobozi bw'Akarere iryo shuri bifuza kwigamo riherereyemo bukabafasha.*

10. **Umunyeshuli udashoboye kugerera ku ishuli ku gihe bigenda gute?**
    *Nyuma y'itangazwa ry' amanota n'imyanya, abanyeshuri n' ababyeyi bafite igihe cy'icyumweru cyo kwitegura kujya gutangira umwaka wa mbere cyangwa uwa kane. Umubyeyi wumva ashobora kurenza tariki ya 11/10/2021 atarajyana umwana ku ishuri asabwa kubimenyesha ubuyobozi bw'iryo shuri kugirano bumvikane igihe cya bugufi uwo mawa agomba kuba yageze ku ishuri.*
    ***Icyitonderwa**: Amashuri acumbikira abanyeshuri arasabwa kuba yagejeje kuri NESA imyanya y'abana batitabiriye ishuri bitarenze tariki ya 15/10/2021.*

11. **Umunyeshuli uvuye mu ishuli ryigenga ashobora gusaba guhabwa ikigo cya leta?**
    *Umunyeshuri uvuye mu ishuri ryigenga ntabwo yemerewe kujya mu ishyri rya rya Leta cyagwa irifashwa na Leta mu mwaka uwo ariwo wose. **Abashaka kujya mu ishuri rya Leta cyangwa irifasha na Leta abonamo umwanya ari uko akoze ikizamini cya Leta akagitsinda.** Nta shuri rya Leta cyangwa irifasha na Leta ryemerewe kwakira umwana uvuye mu ishuri ryigenga mu mwaka wa kabiri, uwa gatatu, uwa gatanu cyangwa uwa gatandatu.*

12. **Iyo ikigo cy' ishuri cyahawe umubare muto cyangwa munini ugereranije n'imyanya bafite bigenda gute?**
    *Ishuri ryahawe umubare munini cyangwa muto ugereranyije n'umubare ryari ryasabye guhabwa ryandikira NESA riyimenyesha icyo kibazo kandi rigakorana n'umukozi wa NESA uzaba ushinzwe Akarere iryo shuri riherereyemo.*

13. **Umunyeshuri udashoboye kujya mu ishuri yahawe ricumbikira abanyeshuri, yemerewe gusaba umwanya mu ishuri rimwegereye aho ashobora kwiga ataha?**
    *Yego rwose. Umunyeshuri udashoboye kujya mu ishuri ricumbikira abanyeshuri kubera impamvu z'ubushobozi buke cyangwa uburwayi busaba ko akurikiranirwa hafi n'umuryango we, yemerewe guhabwa umwanya mu ishuri rimwegereye aho biga bataha.*

14. **Ese umunyeshuli wahanwe cyangwa watsinzwe (unclassified) yemerewe kujya mu ishuri ryigenga muri S1 cyangwa S4?**
    *Umunyeshuri wahanwe mu kizamini cya Leta cyangwa watsinzwe ntabwo yemerewe kwimukira mu ishuri ryigenga mu mwaka uwo ariwo wose. Ishuri rizafatwa ryakoze ayo makossa ryizabibazwa. Abana nk'abo bagomba gusibira.*